# Grand Rapids Public Schools
# Amabwiriza agenga igikoresho cy'umunyeshuri

## SOMA IYI NYANDIKO NEZA KUKO IRIMO AMAKURU Y'INGENZI KU IKORESHA RY'IKORANABUHANGA RY'ISHURI

### Ubufasha bwa tekinine no gusana

Iyo umunyeshuri agiriye ikibazo cya tekinike mu rugo, agomba kucyandika neza vuba bishoboka, kwandika ubutumwa bw'ikosa ubwo ari bwo bwose, icyo umunyeshuri yari ari gukora muri icyo gihe, na porogaramu yari iri gukoreshwa mu gihe ikibazo cyabaga. Gushyikiriza ikibazo abashinzwe gutanga ubuafasha muri GRPS. Ibikorwa byose byo gusana bizacungwa n'umukozi w'ifasi. Ababyeyi, abishingizi, abanyeshuri, cyangwa abarimu ntabwo bemerewe kugerageza kwisanira ubwabo cyangwa kugirana amasezerano n'undi muntu uwo ari we wese cyangwa ubucuruzi kugira ngo basane igikoresho cyose cyatanzwe n'ishuri. Hazakoreshwa imbaraga zose mu gusana cyanwga gusimbuza igikoresho ku gihe.

### Abashiznwe gutanga ubufasha muri GRPS.

Imeyiri:
helpdesk@grps.org
Telefone: (616) 819-2800
Amasaha: Saa 7:30 za mu gitondo – saa 4:30 za nimugoroba Ku wa mbere kugeza ku wa gatanu

Serivisi zitangwa zirimo izikurikira:

- Ikemurabibazo ry'ibanze
- Gusana no kubungabunga porgaramu z'imashini n'imashini
- Ubufasha bwa konti y'uyikoresha
- Ubufasha bwa porogaramu na sisitemu ngengamikorere
- Ubufasha bw'imashini
- Ibyavuguruwe no kwinjiza porogaramu
- Garanti yo gusana igikoresho

### Amabwiriza yo kwita ku bikoresho bigendanwa

#### Kwita ku gikoresho muri rusange

- Ibisukika, ibiribwa n'indi myanda bishobora kwangiza igikoresho. Ugomba kwirinda kurya cyangwa kunywa uri gukoresha igikoresho kigendanwa.
- Ekara igomba kwitonderwa. Ekara zishobora kwangirika bitebwe n'imbaraga nyinshi, ibiro, cyangwa gutsikamirwa cyangwa iyo zigize aho zihurira n'ibintiu bityaye. Buri gihe jya ufunga igifuniko mu gihe igikoresho kitari gukoreshwa.

- Kugabanya imigaragarire ya LCD ya ekara yawe byongerera batiri igihe cyo gukora.
- Ntukagerageze gusana cyangwa kuboneza igikoresho Nta na rimwe uzigera ugerageza gufungura cyangwa ngo ukore ku bice by'imbere by'igikoresho, kuko ibi bizatesha gaciro garanti.
- Itonde mu gihe winjizamo umugozi w'umuriro wirinde ko aho basharijira hangirika.
- Ntugashyire igikoresho ahantu hari ubushyuhe bukabije, hagera imirasire y'izuba, cyangwa urumuri rw'izuba mu gihe kirekire. Ubushyuhe bukabije cyangwa ubukonje bishobora kwangiza igikoresho.
- Bika igikoresho kure ya rukuruzi kandi ahari rukuruzi hashobora gusiba cyangwa kwangiza amakurushingiro abitse mu gikoresho. Ibi birimo ariko ntibigarukira ku ndangururamajwi nini, ampurifikateri, taransiforumateri, ibyuma bihanagura ivumbi, n'ibikoresho bya televiziyo zishaje.
- Buri gihe ujye ucomokora igikoresho mbere yo kugisukura.
- Karaba intoki kenshi mu gihe ukoresha igikoresho.
- Irinde gukoza kuri ekara amakaramu, amakaramu y'igiti, cyangwa ikintu cyose gityaye.
- Ntugasige igikoresho mu modoka mu gihe kirekire cyangwa nijoro.
- Ntukicare ku gikoresho.

**Gusukura no gutera igikoresho umuti wica udukoko**

- Gusukura no gutera umuti wica udukoko mwandikisho y'igikoresho n'aho kiri, koresha 50% bya arukoru y'amazi ya isopropyl irimo kororide ya amoniyumu ya dimethyl benzyl ukoresheje umwenda worohereye.
- Ntugakoreshe udutambaro duhanagura turimo umuti ukuraho ibara cyangwa ikindi kintu cyose cyaharatura ekara.
- Sukuza ekara umwenda udasiga ibizinga aho usukuye. Ntugashyire umuti usukura ibirahure cyangwa undi muti wose kuri ekara cyangwa mwandikisho.

**Umutekano**

- Irinde gukoresha igikoresho ahantu kwangirika cyangwa kwibwa bishoboka.
- Buri gikoresho gifite uturango tukiranga harimo na nomero y'uruhererene. Utu turango twomekwa kuri buri munyeshuri na GRPS. Abanyeshuri ntibagomba guhisha, guhindura, kuvanaho, gukingiriza, cyangwa kwangiza utu tura

## Gukoresha interineti

**Konti n'itumanaho rikoresha ikoranabuhanga**

Abanyeshuri bahabwa *porogaramu za Google ikoreshwa kuri* konti z*'uburezi* za GRPS. Iyi konti itanga uburyo bwo kugera kuri Google n'abandi batanga serivisi z'amasomo , harimo ubushobozi bwa imeyiri. Koherezanya ubutumwa hakoreshejwe imeyiri bizakoreshwa mu rwego rw'uburezi gusa. Ihanahanamakuru mu buryo bwa elegitoronike riva cyangwa rijjya kuri konti imeyiri yatanzwe n'ishuri izagenzurwa kugira ngo herebwe niba Ambawiriza Agenga Ikoresha Ryemewe akurikizwa. **Amategeko agenga imyitwarire y'itumahano rikoresha ikoranabuhnga yitezwe kubahirizwa** n'abanyeshuri bose bakoresha konti zitangirwaho ubutumwa zatanzwe n'ishuri, site, cyangwa porogaramu zirimo ariko zitagarukira kuri wikis, imbuga bwite, amahuriro, gukora inama murebana kuri videwo, podcasts, amahugurwa yo kuri interineti, n'imbuga z'ubufatanye kuri interineti.

**Gukoresha interineti**

Nk'uko bisabwa n'**Itegeko Rigenga Irindwa ry'Abana kuri Interineti (CIPA**) n'amabwiriza y'Inama y'Uburezi ya GRPS, akayunguruzo ka interineti ibungwabungwa n'ifasi kugira ngo ikoreshwe n'ishuri no mu rugo. Aka kayunguruzo kagenewe kugabanya ikoreshwa n'imbuga zibujijwe n'ibikoresho bidakwiye. Grand Rapids Public Schools ntikwizeza ko uburyo bwo kugera ku mbuga zidakwiye bwose buzakumirwa. ***<u>Nta kayunguruzo kizewe nko gucungwa n'umuntu mukuru.</u>*** GRPS ifite uburenganzira bwo kubika ibiganiro hamwe n'amateka arambuye y'ikoreshwa rya interineti ryose. Ababyeyi n'abanyeshuri bafite inshingano zo gukoresha neza ibikoresho bigendanwa, urusobemiyoboro, na interineti. Grand Rapids Public Schools ntizaryozwa ukwangika kose kubaye ku muntu ari ku urusobemiyoboro cyangwa interineti.

**Umutekano wa interineti**

- Hita umenyekanisha igikorwa kitemewe kibereye ku rusobemiyoboro cyangwa interineti.
- Menyesha umwarimu cyangwa umubyeyi ako kanya nujya ku rubuga rudakwiye utabishaka.
- Ntugasome imeyiri y'undi muntu cyangwa ngo ufungure dosiye ze cyangwa ububiko.
- Ntugakoreshe cyangwa ngo ukwirakwize ikintu cyose kirimo ivangura, gihohotera, gikanga, gitesha agaciro, gisebanya, kidakwiye, kigaragaza ubusambanyi, cyagwa gikubiyemo ubushotoranyi.
- Ntugategure guhura n'umuntu muziranye kuri interineti imbonankubone.
- Ubahiriza amategeko yose y'uburenganzira bw'umuhanzi ku gihangano wakoporoye ku rubuga cyangwa ahandi hantu.
- Rinda konti yawe ukoresha utuma ijambobanga ryawe ritekana kandi kandi usohoka mu gikoresho mu gihe utari kugikoresha. Imeyiri zose, urusobemiyoboro, n'igikorwa cyo kuri interineti ni inshingano z'umuntu konti ye ibari yinjiye ku gikoresho mu gihe igikorwa cyakorwaga. Iyo konti yawe yinjiye ku gikoresho ni wowe biba bireba. **Ijambo ryawe urigire ibanga!**
- Rinda amakuru bwite. Ntugahe abandi bantu amazina yawe yuzuye, aderesi, nomero za telefone, amajambobanga, na nomero z'ubwishingizi zawe.
- Irinde imbuga zo kuri interineti n'ibikoresho bidakorana n'integanyanyigisho cyangwa bitari byiza mu rwego rw'uburezi.

## Gukurikirana ikoreshwa

### Gukurikirana no kugenzura

Grand Rapids Public Schools ishyira abanyeshuri muri porogaramu y'Umutekano wa Interineti kandi ikigisha abanyeshuri gukora amahitamo akwiye ku ikoreshwa rya interineti, isuzuma ry'ibikubiyemo no guhitamo imbuga. GRPS inafata kandi ingamba tekinike zo kuyungurura ikoreshwa rya interineti hagamijwe kurinda abanyeshuri ibikubiyemo bidakwiye. Izi ngamba zirahari kugira ngo zirinde abanyeshuri kandi zibafashe kuba abakoresha ibikubiye kuri interineti bafite amakuru. Ariko, nta ngamba tekinike cyangwa igenzura rya muntu ryabuza ibyago kuba. Nubwo twiyemeje kuirnda abanyeshuri bacu, tuzi ko abanyeshuri bahsobora kugera ku bikubiyemo bidakwiye, babigambiriye cyanwga batabigambiriye. Ni inshingano z'umubyeyi n'umunyeshuri kwitoza ingamba z'umutekano wo kuri interineti  no gukoresha ibikoresho kugira ngo bagere ku byifashishwa mu burezi.

Grand Rapids Public Schools ntitanga inama ko abanyeshuri bakoresha ibikoreho bigendanwa ahantu hatari umuntu cyangwa hitaruye. GRPS igirana inama abanyeshuri yo gukoresha ibikoresho aho ababyeyi bababona, abishingizi, cyangwa bandi bagize umuryango.

### Ubuzima bwite

Abanyeshuri bazahita bemera ko igikoresho cyabo kigedanwa n'ibindi bikoresho nyunganzi bahawe byunjirwamo mu gihe babisabwe n'ishuri cyangwa ifasi. Gushakisha mu gikoresho na/cyangwa ibigikubiyemo bishobora gukorwa mu gihe haketswe ko hari amahame ya GRPS, uburyo bw'imikorere, amabwiriza cyangwa amategeko ya leta n'ay'igihugu byarenzweho. Amashami n'abakozi bafite ubushobozi bwo kugenzura igikoresho cy'umunyeshuri igihe icyo ari cyo cyose.

**Nta banga ryatezwe ku byerekeye ibikubiye mu gikoresho cyangwa itumanaho rikoresheje igikoresho icyo ari cyo cyose cyatanzwe n'ishuri, urusobemiyoboro, cyanwga serivisi. Grand Rapids Public Schools yihariye uburenganzira bwo gukora iperereza, gusuzuma, kugenzura, no kugabanya amakuru abikwa cyanwga ahererekanywa biciye mu gikoresho cya Grand Rapids Public Schools. Ababyeyi, abishingizi, n'abarimu ntibafite uburenganzira cyangwa kwitega ubuzima bwite ku ikoreshwa ry'ibikoresho ibyo ari byo byose, mudasobwa, cyangwa ikindi gikoresho**.

Abakozi b'ifasi bashobora kureba mu gikoresho, ibigikubiyemo, ibikubiye kuri konti zifitanye isano na serivisi izo ari zo zose zitangwa n'ifasi, cyangwa ibindi bintu bifitanye isano. Ifasi izakorana n'abayobozi b'aho ikorera, ba leta, cyangwa b'igihugu mu iperereza ry'ibikorwa bikekwa bitemewe byakozwe biciye mu bikoresho byatanzwe n'ifasi na serivisi.

### Kubahiriza uburenganzira bw'umuhanzi

Abanyeshuri bose bagomba kugendera ku mategeko y'igihugu agenga uburenganzira bw'umuhanzi. Amabwiriza akurikria azafasha abanyeshuri kubahiriza:

1. “Uburenganzira bw'umuhanzi” ni irindwa ry'amategeko ku ry'ibihangano mu by'ubwenge, busobanurwa mu buryo bwagutse nk'igaragaza ry'igitekerezo icyo ari cyo cyose.
2. Inyandiko (harimo imeyiri n'amakuru y'urubuga), ibishushanyo, ubugeni, amafoto, umuziki, na porogaramu ni ingero z'ubwoko bw'ibikorwa birindwa n'uburenganzira bw'umuhanzi.
3. Gukoporora, gukwirakwiza, gukurura kuri interineti, no gushyira amakuru kuri interineti bishobora kwangiza uburenganzira bw'umuhanzi bw'ayo makuru.
4. Ndetse no kwangiza bitagambiriwe, utabizi na byo birenga ku mategeko.

## Inshingano z'umunyeshuri

Abanyeshuri bashinzwe ibikorwa byabo birimo ibikoresho by'ishuri, urusobemiyoboro, na serivisi, harimo ibibikubiyemo, amagambobanga, na konti zabonejwe ku gikoresho cyatanzwe n'ishuri. Amashuri ashinzwe kubigisha imibanire myiza n'ikoreshwa ryo mu rwego rw'uburezi. Abanyeshuri bagomba kugenzura ibikorwa byose bibera kuri konti yabo( zabo) kandi bakabwira ikintu cyose baketse umubyeyi, umwishingizi, cyangwa umwarimu. Abanyeshuri bamenye cyangwa bazi ikibazo cy'umutekano basabwa kumenyesha mwarimu wabo icyo kibazo cy'umutekano batakiganiriye n'abandi banyeshuri.

**Uburenganzira bwo gukoresha igikoresho kigendanwa kure y'ishuri ni amahirwe. Iyo abanyeshuri batubahirije Amabwiriza y'Ikoreshwa ry'Urusobemiyoboro rwa Mudasobwa mu Ifasi yose (#4500), amahame yose y'inama nyobozi, n'amabwiriza ari muri iyi nyandiko, amahirwe yo gukoresha igikoresho kigendanwa kure y'ishuri biragabanywa cyangwa bigateshwa agaciro.** Amategeko amwe n'ibyitezwe byanditswe mu mategeko Ngengamyitwarire ahuriweho ajyanye n'imyitwarire y'abanyeshuri ba Grand Rapids Public Schools akurikizwa ku ikoreshwa ry'abanyeshuri ry'ibikoresho byatanzwe n'ifasi. Ikoreshwa ribi rigambiriwe cyangwa ukutita ku gikoresho bishobora gutuma utakaza uburenganzira bwo gukoresha igikoresho kigendanwa, gukosorwa, na/cyangwa gucibwa amande akenewe mu gusana cyanwga kubungabunga igikoresho.

## bikorwa umunyeshuri abujijwe gukora

Imyitwarire ikurikira ntiyemewe, hamwe n'Indi yavuzwe mu Mabwiriza Ngengamyitwarire ahuriweho n'Abanyeshuri yerekeye imyitwarire n'Amabwiriza y'Ikoresha ry'Urusobemiyoboro rwa Mudasobwa mu Ifasi yose (#4500) ni ibikorwa umunyeshuri abujijwe gukora:

1. Gukoresha ikoranabuhanga mu bikorwa bitemewe n’amategeko, harimo kuvogera uburenganzira ku gihangano
2. Gukoresha imbuga zo kuri interineti n'ibikoresho bidakorana n'integanyanyigisho cyangwa bitari byiza ku ishuri.
3. Gukurura kuri interineti ibikoresho bitaboneye, virusi , cyangwa porogaramu za mudasobwa
4. Gukoresha cyangwa kugira porogaramu ziba amakuru cyangwa zo gusangiza abandi dosiye, harimo porogaramu zikurikiraba buri kintu umuntu yanditse cyangwa porogaramu zikoreshwa mu gucika ubwirinzi
5. Kwinjira ahantu hose utabifitiye uburenganzira ku rubuga cyangwa interineti cyangwa ukabikoresha icyemezo cy'ihamya cy'abandi.
6. Gukoresha igikoresho cyangwa urusobemiyoboro mu kubona inyungu z'amafaranga, kwamamaza, cyangwa imbaraga z’amahame

7. Kwangiza cyangwa gukoresha ibikoresho mu buryo budakwiye, dosiye, porogaramu, imikorere ya porogaramu, cyangwa ibindi bikoresho bigize urusobemiyoboro
8. Kugerageza gusana, kuvanamo cyangwa kwinjiza igice cy'imashini cyangwa porogaramu
9. Gufungura cyanwga gukoresha igikoresho mu buryo butari bwo ku mpamvu iyo ari yo yose
10. Kwivanga mu kazi k'abandi, harimo kohererez imeyiri abantu benshi cyangwa ubutumwa bwo gutangaza
11. Gufata ifatabuguzi ku ntonde z'iposita, kohererez ubutumwa abantu benshi, cyangwa serivisi zishobora kwivanga n'ikoresha ry'abandi.
12. Kwerekana, gusangiza, cyanwga gutangaza amakuru agaragaza umwirondoro w'umuntu harimo amzina yombi aderesi, nomero za telefone, nomero z'ubwiteganyirize, nomero z'uruhushya rwo gutwara rw'umushoferi, cyangwa amajambobanga yawe n'ay'abandi
13. Kuvogera ubuzima bwite bw'abandi
14. Gukoresha izina ry'ukoresha ry'undi muntu cyanwga ijambobanga, cyanwga kwemerera undi muntu gukoresha konti yawe ( zawe) akoresheje izina ry'uyikoresha ryawe n'ijambobanga
15. Kwigira undi muntu mu gihe wohereza cyangwa wakira ubutumwa, gutangaza amakuru, cyangwa gukorana n'utanga serivisi uwo ari we wese
16. Gukoresha imeyiri itari iyatanzwe n'ishuri ku bikoresho byatanzwe n'ishuri
17. Kohererez cyangwa gukwirakwiza ubutumwa budakwiye cyangwa ibikubiyemo
18. Gukora itoteza cyangwa kohereza ubutumwa bwerekeye imibonano mpuzabitsina, amafoto, imbuga, cyangwa izindi nyandiko harimo iz’ivangura rishingiye ku bwoko, iterabwoba, ibitutsi, kugaragaza imyanya ndangabitsina, amagambo nyandagazi, iterabwoba, urutoto, agasuzuguro, guharabika, cyangwa ibindi bintu rutwitsi
19. Gukoresha imbuga hagamijwe kugura impapuro zanditswe, raporo ziri mu bitabo, n’ibindi bikorwa by’abanyeshuri, cyangwa kwiyitirira ibyo undi yakoze ibyo ari byo byose
20. Gukoresha ikoranabuhanga hagamijwe kubona inyungu mu masuzuma hatangwa cyangwa hakirwa amakuru atemewe n’umwarimu cyangwa abandi banyeshuri batabasha kubona
21. Gufasha, kugenzura, cyangwa kujya mu gikorwa icyo ari cyo cyose kitatangiwe uruhushya hakoreshejwe igikoresho bigendanwa, imiyoboro cyangwa interineti

22. Kugerageza guhagarika cyangwa kurenga ku kayunguruzo k'ibikorerwa kuri interineti muri Grand Rapids Public Schools cyangwa uburinzi, cyangwa kugerageza gukoresha indi miyoboro cyangwa se imiyoboro itazwi kugira ngo ugere ku mbuga cyangwa ibiziriho bikumiriwe mu bundi buryo
23. Guhimba uruhushya cyangwa amakuru akuranga
24. Kwigana cyangwa guhindura dosiye, amakuru, cyangwa amagambobanga by'abandi, cyangwa gukoresha ikoranabuhanga hagamijwe kudakora umukoro wawe w'amasomo yawe
25. Gushyira virusi ku gikoresho cyangwa umuyoboro ubizi neza (ikindi kandi, hashobora gutangwa ikirego mu rukiko)
26. Kwandika, gusiga irangi, kwangiza, cyangwa gushyira utupapuro twa kore cyangwa uturango ku bikoresho byatanzwe n'ishuri cyangwa ibyifashishwa, cyangwa se kwangiza mu bundi buryo ku bushake
27. Kugerageza guhindura amakuru cyangwa imikorere y'igikoresho bigendanwa cyangwa dosiye by'undi ukoresha icyo gikoresho bizafatwa nk'igikorwa cy'urugomo kandi gitangirwa igihano cy'imyitwarire
28. Kugaragaza amashusho y'imbunda, intwaro, cyangwa amashusho y'ubusambanyi, amagambo ataboneye, inzoga, ibiyobyabwenge, cyangwa ibirango cyangwa inyandiko by'amatsinda y'ubugizi bwa nabi cyangwa birahanirwa.
29. Gushyira ku nkeke. Abanyeshuri ntibazemererwa kujya mu bikorwa byo gushyira abandi ku nkeke hakoreshejwe urusobe rwa mudasobwa, bishobora kubamo umuhate gutoteza, kutera ubwoba, gutesha umutwe, gukoza isoni cyangwa gukanga abanyeshuri cyangwa abakozi b'ishuri hakoreshejwe ikoranabuhanga. Mu gihe urusobe gushyira abandi ku nkeke hakoreshejwe urusobe rwa mudasobwa biturutse hanze y'ishuri, ariko bikamenyeshwa abayobozi b'ishuri, igihano cyose cy'imyitwarire kizashingira ku kuba imyitwarire igaragazwa ko ihungabanya mu buryo bw'ibikoresho kandi bugaragara ikoranabuhanga ry'ishuri cyangwa ifite ingaruka zitaziguye ku mutekano w'ishuiri cyangwa ku gukomeza umutuzo ku ishuri n'imikorere myiza y'ikoranabuhanga ry'ishuri. Imyitwarire ku gushyira abandi ku nkeke hakoreshejwe urusobe rwa mudasobwa bizakemurwa dosiye kuri dosiye uko bigaragara ko bikwiye n'umuyobozi w'ishuri, Umuyobozi Nshingwabikorwa Ushinzwe Ubwirinzi Rusange n'Umutekano, Cyangwa Umuyobozi Mukuru w'Ishuri. Ikindi, nihakorwa icyaha gihanwa n'amategeko, bizamenyeshwa inzego zo mu gace zishinzwe iyubahirizamategeko.
30. Abanyeshuri bazubahiriza buri gihe amahame y'Inama Nyobozi n' Amabwiriza Ngengamyitwarire ahuriweho n'abanyeshuri yerekeye imyitwarire, n'iyi nyand

## Garanti, Ibyangijwe, n’Ubujura

### Uburyozwe bw’Ababyeyi

Umubyeyi urera umunyeshuri, umwishingizi, cyangwa umunyeshuri ufite imyaka y’ubukure bazaba barebwa no kuriha ishuri ry’ifasi ibihombo byose, ibiguzi, cyangwa ibyangiritse bitishingiwe na garanti, bishobora kubamo ikiguzi cyose cyo gusimbura igikoresho.

### Ubujura

- Ibibazo by’ubujura bigomba kumenyeshwa polisi bikozwe n’umubyeyi cyangwa umunyeshuri, kandi kopi ya polisi igomba gushyikirizwa GRPS mu masaha 48 nyuma y’uko ikibazo kiba.

Buri gikoresho kirimo porogaramu yerekana aho giherereye n’ubwirinzi bwo kugifunga. Iyo binyeshejwe ko igikoresho cyabuze kirakurikiranwa kandi sisitemu izabuza buri wese uzagerageza kugikoresha.

Itegure gutanga amakuru akurikira igihe umenyesha ishuri ubujura bwakozwe:

1. Nomero iranga igikoresho bigendanwa
2. Itariki n’aho ubujura bwakorewe
3. Amakuru arambuye yuzuye y’ubujura
4. Nomero ya Dosiye ya Polisi, Izina ry’Umupolisi n’Amakuru y’Ikigo cya polisi

ICYITONDERWA: Ni ingenzi kuzuza inzi nzira zose ako kanya nyuma y’ubujura. Gutanga amakuru atari yo muri dosiye ya polisi bihanwa n’amategeko.

## Umugerekashakiro

## *Ingingo z’Amasezerano*

Grand Rapids Public Schools izakomeza kuba nyir’igikoresho n’ibyifashishwa mu buryo bwemewe n’amategeko. Uburenganzira bwo gutunga no gukoresha bugarukira ku kubahiriza mu buryo bwose kandi bwuzuye Amahame y’Inama Nyobozi n’imikorere n’indi mirongo ngenderwaho byagaragajwe muri iyi nyandiko. Grand Rapids Public Schools ntitanga icyizere ko ibikoresho byayo by’ikoranabuhanga bitazisukirwa cyangwa ngo bibure amakosa. Kujya ku  muyoboro wa interineti byemerwa ariko nta garanti iba yatanzwe iyo ari yo yose. Mu bihe bidakunze kubaho igihe umuyoboro wa interineti uba udakora, yaba Grand Rapids Public Schools cyangwa abakorana na yo cyangwa se abakozi bayo ntawe uzabazwa ibyatakaye, ibyabuze, cyangwa amakuru ataboneka. Uburenganzira bwo gukoresha no gutunga igikoresho cy’ikoranabuhanga n’ibibishamikiyeho byose birangira ku munsi wa nyuma wo kwiga mu mwaka w’amashuri, keretse bihagaritswe mbere yaho n’ifasi cyangwa umunyeshuri akuwe ku ishuri avuye ku ishuri, ahagaritswe, yirukanwe, cyangwa yimukiye ahandi. Kutagarura igikoresho kigendanwa kuri iyi tariki cyangwa mbere yayo bizatuma umunyeshuri, umubyeyi, na/cyangwa umuntu ufite icyo gikoresho aregwa mu butabera. Igikoreso kigendanwa gikomeza kuba umutungo wa Grand Rapids Public Schools kandi ntigishobora gutangwaho inguzanyo, kugurishwa, kuguranwa, gucuruzwa, gutizwa, gukodeshwa cyangwa

guhabwa undi muntu. Kutagarura igikoresho kigendanwa n'ibigishamikiyeho kugira ngo gisanwe mu mwaka kandi kibungabungwe bizatuma umubyeyi cyangwa umunyeshuri ufite imyaka y'ubukure* yohererezwa ibaruwa y'icyemezo igaragaza ko igikoresho kitagaruwe. Umubyeyi cyangwa umunyeshuri ufite imyaka y'ubukure*bazaba bafite iminsi itanu (5) yo kugarura ibikoresho cyangwa kwishyura amafaranga yo kugisimbuza, cyangwa se batabikora bigatuma baregwa mu butabera kugira ngo bishyure ibiguzi. Grand Rapids Public Schools izigamye uburenganzira bwo gusaba kugarutra igikoresho kigendanwa igihe icyo ari cyo cyose. Abanyeshuri bashobora kubura amahirwe, guhanwa no/cyangwa kugezwa mu butabera mu gihe bangije cyangwa bataye igikoresho kigendanwa cyangwa barenze ku mahame y'Inama Nyobozi, Amabwiriza Ngengamyitwarire Ahuriweho n'Abanyeshuri Yerekeye Imyitwarire cyangwa imirongo ngenderwaho nk'uko byagaragajwe muri iyi nyandiko.

**Uburyozwe bw'Ifasi**

The Grand Rapids Public Schools ntiyishingiye kuryozwa igikoresho cyose cyagezweho hakoreshejwe igikoresho kigendanwa.

**Ihindura rya Porogaramu**

Grand Rapids Public Schools izigamye uburenganzira bwo gukuraho cyangwa guhindura iyi nyandiko, na/cyangwa amahame yayo n'imikorere igihe icyo ari cyo cyose.

*Abanyeshuri bafite imyaka 18 y'ubukure cyangwa hejuru yayo cyangwa se bakaba bataruzuza imyaka y'ubukure ariko bafatwa nk'abakuze mu mategeko bafatwa nk'abanyeshuri bujuje imyaka y'ubukure. Ibisabwa byose mu mategeko, mu mikorere ndangabupfura, no mu bukungu ni inshingano z'umunyeshuri wujuje imyaka y'ubukure